Umwalimu SACCO
Together we thrive

Kigali, on 24/06/2020
Ref N⁰ 546/USC.07/2020

Bwana Umuyobozi wa
**Commission Connect Team Ltd**
**E-mail:** habimanafabrice52@gmail.com
**Tel. 0788477092**
**KIGALI**

Impamvu: **Igisubizo ku ibaruwa yawe**

Bwana Muyobozi,

Nshingiye ku ibaruwa yawe wandikiye Umwalimu SACCO, ikakirwa ku wa 26 Gicurasi 2020, isaba ko wahabwa uburenganzira bwo kwamamariza ibihangano byawe ku mashami y'Umwalimu SACCO, ku buryo uzagenda uhamanika inyandiko yamamaza iri ku rupapuro rufite ingano ya A3, igaragaza ibihangano byawe birimo: Inzogera yikoresha igendeye ku masaha y'ikigo cy'ishuli yagenwe ( **Automatic School bell**), ibikoresho bifasha mu micungire y'abakozi (**Online finger print time attendance**) ndetse n'ibirinda umutekano w'ibikoresho ku kigo cy'ishuri (**Alarm Security System),** aho ugaragaza ko Minisiteri y'Uburezi igushyigikiye muri ibyo bikorwa byawe;

Tumaze gusesengura ibikubiye muri iyi baruwa yawe, turebye kandi imiterere y'amashami y'umwalimu SACCO wifuza kwamamarizamo ibyo bikorwa byawe; twasanze ntacyo byaba bibangamiyeho imikorere rusange y'amashami yacu, bityo ubusabe bwawe bukaba bwemewe, ariko buri shami uzajya ujya gukoreramo urasabwa kubanza kureba umucungamutungo waryo tugeneye kopi y'iyi baruwa, kugira ngo azakwereke aho umanika inyandiko yawe yamamaza, habereye kandi hatabangamiye ibikorwa rusange by'ishami.

Ugire amahoro.

**UWAMBAJE Laurence**

**Umuyobozi Mukuru**

24/06/2020

UMWALIMU SAVINGS AND CREDIT COOPERATIVE
US ACCO MWALIMU
Together we thrive

**Bimenyeshejwe:**

- Umuyobozi w'Ishami (bose)
- Umucungamutungo w'ishami (bose)
  **Umwalimu SACCO**